Iyo umuyobozi wasabwe gufatira umukozi ibihano atabikoze, Urwego rusabira ibihano uwo muyobozi n'umukozi ku rwego rwamushyize mu mwanya hakurikijwe amategeko n'amabwiriza asanzwe akoreshwa mu itangwa ry'ibihano.	In case of failure of the authority requested to take disciplinary sanctions, the Office shall request sanctions to the nominating authority for both the authority and the concerned employee basing on laws and rules into force relating to samctions.	Si l'autorité saisie pour la sanction ne le fait pas, l'Office peut requérir les sanctions disciplinaires auprès de l'autorité de nomination contre l'autorité et l'employé concerné suivant les lois et règlements disciplinaires en vigueur.
Ibihano byatanzwe bikorerwa raporo igashyikirizwa inzego ziteganywa n'amategeko kandi iyo raporo igatangazwa.	A report about the sanctions imposed shall be prepared and submitted to institutions provided for by the law and such a report shall be published.	Les sanctions infligées font objet d'un rapport qui est transmis aux instances prévues par la loi et ce rapport est publié.
Ingingo ya 11: Ububasha bw'ubugenzacyaha	**Article 11: Powers of Judicial Police**	**Article 11: Compétence de police judiciaire**
Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije bafite ububasha bwo gukora iperereza ku bikorwa byose byerekeye inshingano z'Urwego. Kubera iyo mpamvu, bafite ububasha bw'ubugenzacyaha.	The Ombudsman and Deputy Ombudsmen shall have the power to investigate all activities relating to the responsibilities of the Office. Thus, they are conferred the powers of judicial police.	L'Ombudsman et les Ombudsmans Adjoints ont le pouvoir de procéder à des enquêtes sur tous les faits en rapport avec les attributions de l'Office. A cet effet, ils sont revêtus du pouvoir de police judiciaire.
Abakozi b'Urwego bashinzwe iperereza bafite ububasha bw'ubugenzacyaha.	Staff members of the Office in charge of investigations, shall have the powers of the Judicial Police.	Les agents de l'Office en charge d'enquêtes ont la qualité d'Officier de Police Judiciaire.

Urwego rushobora kwifashisha izindi nzego, zaba iza Leta cyangwa izigenga mu iperereza rikeneye ubuhanga bwihariye.

The Office may request for assistance from other public or private institutions while conducting investigations that require specific expertise.

L'Office peut recourir aux autres institutions de l'Etat ou aux institutions privées pour bien mener des enquêtes exigeant une expertise particulière.

Ingingo ya 12: Gusaba inyandiko, ubuhamya n'ibisobanuro bikenewe mu iperereza

Article 12: Request of documents, testimonies and explanations necessary for the investigations

Article 12: Demande des documents, témoignages et explications nécessaires à l'enquête

Urwego rufite ububasha bwo kwaka inzego zose za Leta n'iz'ibigo byayo, iz'ibigo n'imiryango itari iya Leta inyandiko, ubuhamya n'ibisobanuro rukeneye mu iperereza rukora. Rushobora kumva umuntu wese, rukamwaka ubuhamya bukenewe muri iryo perereza.

The Office shal have powers to request for documents, testimonies and explanations necessary for its investigations from public, parastatals, private organs and non-government organizations. It may hear from any person and request him/her to give necessary testimonies for the smooth running of the investigation.

L'Office a le pouvoir de demander à tous les services de l'Etat et des établissements publics, à ceux des établissements privés et des organisations non gouvernementales des écrits, des témoignages et des explications nécessaires au bon déroulement de l'enquête engagée. Il peut auditionner toute personne et lui demander des témoignages nécessaires à l'enquête.

Ibanga ry'inyandiko rwatse ntirishobora kurubuza kuzihabwa.

The confidential nature of a document cannot prevent the Office from obtaining it.

Le caractère secret des documents ne peut être opposé à l'Office.

Ingingo ya 13: Ububasha bw'ubushinjacyaha

Article 13: Prosecution Powers

Article 13: Compétence d'Officier de Poursuite Judiciaire

Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi bungirije bahawe ububasha bwo gukora iperereza no gukurikirana ibyaha byerekeye inshingano z'Urwego. Kubera izo mpamvu bahawe ububasha bw'ubushinjacyaha.

The Ombudsman and Deputy Ombudsmen shall be granted prosecution powers for all offences relating to the mission of the Office. Thus, they shall have the powers to prosecute.

Il est conféré à l'Ombudsman et aux Ombudsmans Adjoints la compétence d'exercer l'action publique contre des infractions en rapport avec les attributions de l'Office. A cet effet, ils ont la qualité d'officier de poursuite judiciaire.

Byemejwe n'inama y'Abavunyi, abandi bakozi b'Urwego bahabwa ububasha bw'ubushinjacyaha n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Other employees of the Office may, after approval by the Ombudsman Council, be granted prosecution powers by a Prime Minister's Order.

Après approbation par le Conseil des Ombudsmans, la qualité d'officier de poursuite judiciaire est attribuée aux autres agents de l'Office par arrêté du Premier Ministre.

Mu mirimo y'ubushinjacyaha, Abashinjacyaha b'Urwego bagengwa n'Itegeko Ngenga rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare mu ngingo zaryo zivugwa mu irangashingiro ry'iri tegeko. Bagenzurwa mu mirimo yabo n'Umuvunyi Mukuru.

In their prosecution activities, Prosecutors of the Office shall be governed by the Organic Law determining the organisation, functioning and competence of the National Public Prosecution Authority and the Military Prosecution Department in its provisions referred to in preamble of this Law. They shall be under the supervision of the Ombudsman.

Dans des activités de poursuite judiciaire, les officiers de poursuite judiciaire de l'Office sont régis par la loi organique portant organisation, fonctionnement et compétence de l'Organe National de Poursuite Judiciaire et de l'Auditorat Militaire dans ses dispositions visées au préambule de la présente loi. Ils sont placés sous la supervision de l'Ombudsman.

Abashinjacyaha bo ku Rwego bafite ububasha bwo kwiyambaza inzira z' ubujurire mu nkiko zose hakurikijwe amategeko agenga ububasha bw'inkiko n'imiburanishirize y'imanza.

Prosecutors of the Office shall have competence to exercise procedures for appeal in all courts in accordance with laws governing the jurisdiction of courts and court procedures.

Les officiers de poursuite judiciaire de l'Office disposent d'une compétence d'exercer les voies de recours devant toutes les juridictions, conformément aux lois régissant la compétence et les procédures judiciaires.

Icyakora, kujurira no gushinja ibyaha mu Rukiko Rukuru, Urukiko Rukuru rwa Gisirikari no mu Rukiko rw'Ikirenga bikorwa gusa n'abashinjacyaha bo ku Rwego bafite nibura uburambe bw'imyaka itanu (5) mu kazi kerekeranye n'iby'amategeko.

However, appealing and prosecuting process at High court, Military High Court and at the Supreme Court shall only be done by prosecutors from the Office with an experience of at least five (5) years on legal related post.

Toutefois, l'exercice d'appel et de l'action publique au niveau de la Haute Cour, de la Haute Cour Militaire et de la Cour Suprême sont assurées par les officiers de poursuite judiciaire de l'Office ayant au moins cinq (5) ans d'expérience dans le domaine juridique.

<u>Ingingo ya 14</u>: Ububasha bwo kugaruza umutungo

<u>Article 14</u>: Powers of assets recovery

<u>Article 14</u>: Compétences de recouvrement des biens

Igihe rushinja ibyaha biri mu nshingano zarwo kandi hari umutungo wa Leta ugomba kugaruzwa n'indi mitungo ifitanye isano n'ikorwa ry'ibyo byaha, Urwego rufite ububasha bwo gutanga ikirego gisaba igaruzwa ry'uwo mutungo.

While prosecuting offences falling under its mission and when public assets and other assets in connection with the commission of those offences have to be recovered, the Office shall have powers to file a legal action for the recovery of such assets.

Lorsqu'il procède à l'exercice de l'action poursuite contre des infractions rentrant dans ses attributions et que les biens publics et les autres biens en rapport avec la commission de ces infractions doivent être recouvrés, l'Office a le pouvoir d'intenter une action en justice pour recouvrer ces biens.

Urwego rufite kandi ububasha bwo kugenzura

The Office shall also have powers to verify the

L'Office a egalement le pouvoir de vérifier le

igaruzwa ry'umutungo rwaregeye uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 15: Ububasha bwo gusubirishamo urubanza

Mu nyungu z' ubutabera, Urwego rufite ububasha bwo gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma no gusubiramo urubanza rwaciwe n'inkiko zisanzwe, inkiko z'ubucuruzi cyangwa iza gisirikare ku rwego rwa nyuma, mu gihe hakigaragaramo akarengane. Iryo suzuma n'isubiramo bikorwa hakurikijwe ibiteganywa mu Itegeko Ngenga rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga.

Ingingo ya 16: Ububasha bwo kurangiza imanza, ibyemezo by'inkiko n'inyandiko ziriho kashe mpuruza

Bisabwe n'Umuvunyi Mukuru cyangwa umusimbura we, abakozi b'Urwego bahabwa na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze ububasha bw'abahesha b'inkiko mu gihugu hose.

Urwego rukoresha ubu bubasha ari uko inzego zibishinzwe zitakoze inshingano zazo ku gihe nyuma y'uko bisabwa mu nyandiko n'Urwego.

Mbere yo gutangira iyo mirimo, abo bakozi bagomba kurahira imbere ya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze cyangwa imbere

recovery of the assets referred to in Paragraph One of this Article.

Article 15: Powers to request for review of judgement

In the interest of the justice, the Office shall have powers to request the Supreme Court to reconsider and review judgements rendered at the last instance by ordinary courts, commercial and Military courts, if there is any persistance of injustice. The reconsideration and review shall be made in accordance with the Organic Law establishing the organization, functioning and competence of the Supreme Court.

Article 16: Powers to execute judgments, orders and writs with an enforceable title

Upon request of the Ombudsman or his/ her replacement, employees of the Office shall be granted by the Minister in charge of justice the powers of court bailiff with national competence.

The Office shall use this competence if institutions in charge have not executed their attributions at time after written request by the Office.

Before taking up that duty, those employees have to take oath before the Minister in charge of justice or another official delegated by him/her.

recouvrement des biens visés à l'alinéa premier du présent article.

Article 15: Compétence de demander la révision d'une décision judiciaire

Dans l'intérêt de la justice, l'Office a la compétence de demander à la Cour Suprême d'examiner et de réviser une décision judiciaire rendue en dernier ressort par les juridictions ordinaires, commerciales ou militaires en cas de persistance d'une injustice. L'examen et la révision se font conformément à la loi organique portant organisation, fonctionnement et compétence de la Cour Suprême.

Article 16: Compétence d'exécuter des jugements, des ordonnances et des actes revêtus de la formule exécutoire

Sur demande de l'Ombudsman ou de son remplaçant, le Ministre ayant la justice dans ses attributions attribue aux agents de l'Office la qualité d'huissier de justice à compétence nationale.

L'Office exerce cette compétence lorsque les institutions en charge n'ont pas rempli leur devoir à temps après une demande écrite émanant de l'Office.

Avant d'exercer cette fonction, ces agents prêtent serment devant le Ministre ayant la justice dans ses attributions ou devant un autre agent de l'Etat

y'undi mukozi wa Leta yabihereye ububasha.

Ingingo ya 17 : Ihagarikwa ry'agateganyo ku kazi ry'ukurikiranyweho ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo

Haseguriwe ihame ry'uko umuntu wese utarahamwa n'icyaha aba akiri umwere, Urwego rufite ububasha bwo gusaba mu nyandiko guhagarika ku kazi by'agateganyo, umukozi wa Leta, uw'ikigo cya Leta, uw'ikigo cyigenga cyangwa uw'umuryango utari uwa Leta ukurikiranyweho icyaha cya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Umukozi wo mu kigo cyigenga cyangwa rwiyemezamirimo ukurikiranyweho icyaha cya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo ntiyemerewe kujya mu mirimo ya Leta cyangwa gupiganira amasoko ya Leta.

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BY'URWEGO

Icyiciro cya mbere: Imiterere y'Urwego

Ingingo ya 18: Inzego zigize Urwego

Inzego z'Urwego ni izi zikurikira:

1º Inama y'Abavunyi;

2º Ubunyamabanga Buhoraho.

Article 17: Temporary Suspension of a suspect of corruption and related offences

Notwithstanding the principle of presumption of innocence, the Office shall have powers to request the competent authority to temporarily suspend a civil servant, parastals staff, or an employee of a private institution or a non-govermenemt organisation staff, suspected of corruption and related offences.

An employee of a private institution or a business person under investigation for corruption and related offences is disqualified from taking up a job in any public institution or bidding in public tenders.

CHAPTER III: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE OFFICE

Section One: Organization of the Office

Article 18: Organs of the Office

The organs of the Office shall be the following:

1° Ombudsman Council;

2° Permanent Secretariat.

Article 17: Suspension provisoire de la personne suspecte de corruption et infractions connexes

Sous réserve du principe de la présomption d'innocence, l'Office a la compétence de demander à l'autorité compétente de suspendre temporairement un agent de l'Etat, des organes parastataux et privés ou des organisations non-gouvernementales qui est suspecté de corruption et d'infractions connexes.

L'agent des services privés ou un homme d'affaires suspecté de corruption et d'infractions connexes ne peut être engagé dans les services publics ou admis comme soumissionnaires dans les marchés publics.

CHAPITRE III : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE

Section première: Organisation de l'Office

Article 18 : Organes de l'Office

Les organes de l'Office sont les suivants:

1° le Conseil des Ombudsman;

2° le Secrétariat Permanent.

Akiciro ka mbere: Inama y'Abavunyi

Ingingo ya 19: Inama y'Abavunyi

Inama y'Abavunyi ni rwo rwego rukuru mu byerekeye imiyoborere y'Urwego no gufata ibyemezo birufasha kugera ku nshingano zarwo.

Ingingo ya 20: Abagize Inama y'Abavunyi

Inama y'Abavunyi igizwe n'Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije. Mu Nama y'Abavunyi hagomba kuba harimo nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagore.

Ingingo ya 21: Uko Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi bungirije bashyirwaho

Kuri buri mwanya w'abagize Inama y'Abavunyi, Guverinoma ishyikiriza Sena amazina y'umukandida wumvikanyweho mu Nama y'Abaminisitiri kugira ngo imwemeze.

Abemejwe bashyirwaho n'iteka rya Perezida.

Umuvunyi Mukuru afite manda y'imyaka itanu (5), Abavunyi Bungirije bafite manda y'imyaka ine (4). Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije bashobora kongererwa manda rimwe (1) gusa binyuze mu nzira byanyuzemo kuri manda ya mbere.

Sub Section One: Ombudsman Council

Article 19: Ombudsmen Council

The Ombudsman Council shall be the supreme organ of the management of the Office and taking decisions enabling the Office to fufill its mission.

Article 20: Members of the Ombudsmen Council

The Ombudsmen Council shall comprise the Ombudsman and Deputy Ombudsmen. The Ombudsmen Council shall include at least thirty percent (30%) of females.

Article 21: Modalities for the appointment of Ombudsman and Deputy Ombudsmen

For each position of the members of the Ombudsmen Council, the Government shall submit to the Senate the names of the candidate agreed upon by Cabinet for approval.

Approved candidates shall be appointed by a Presidential Order.

The Ombudsman shall serve a five (5) year term, while Deputy Ombudsmen shall serve a four (4) year term. The term of the Ombudsman and that of Deputy Ombudsmen may be renewable only once through the procedure that was applied in the first term.

Sous-section première : Conseil des Ombudsmans

Article 19: Conseil des Ombudsmans

Le Conseil des Ombudsmans est l'organe suprême de direction et de prise de décisions qui permet à l'Office d'accomplir ses missions.

Article 20: Membres du Conseil des Ombudsmans

Le Conseil des Ombudsmans est composé de l'Ombudsman et des Ombudsmans Adjoints. Le Conseil des Ombudsmans comprend au moins trente pourcent (30%) de femmes.

Article 21: Modalités de nomination de l'Ombudsman et des Ombudsmans Adjoints

Pour chaque poste des membres du Conseil des Ombudsmans, le Gouvernement présente au Sénat, pour approbation, les noms du candidat retenu par le Conseil des Ministres.

Les candidats approuvés sont nommés par arrêté présidentiel.

Le mandat de l'Ombudsman est de cinq (5) ans, tandis que celui des Ombudsman Adjoints est de quatre (4) ans. Le mandat de l'Ombudsman et celui des Ombudsmans Adjoints peuvent être renouvelés une seule fois suivant la même procédure que celle suivie lors de leur premier

Ingingo ya 22: Kuva ku murimo k'Umuvunyi Mukuru cyangwa Abavunyi bungirije

Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije ava ku murimo bitewe n'impamvu iyo ari yo yose mu izi zikurikira:

1° asezeye ku murimo ku bushake bwe cyangwa kubera ko yahinduriwe imirimo;

2° arangije manda ye ya mbere ntiyongere kwemezwa;

3° yananiwe umurimo we, byagaragaye ko atakiri inyangamugayo cyangwa atagifite umurava, ubushishozi n'ubushobozi byashingiweho ashyirwaho;

4° afite uburwayi bumubuza kuzuza inshingano ze, byemejwe na Komisiyo y'abaganga yemewe na Leta;

5° arangije manda ze ebyiri;

6° apfuye.

Icyemezo cyo kuvana Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije ku mirimo ye kubera impamvu zivugwa mu gace ka 3° k'igika

Article 22: Termination of office of the Ombudsman or Deputy Ombudsmen

The Office of the Ombudsman or that of the Deputy Ombudsmen shall be terminated for any of the following reasons:

1° if he/she voluntarily resigns or is assigned to a different position;

2° if his/her first term of office expires and is not reappointed;

3° if he/she fails to discharge his/her duties, it is clear that he/she is no longer a person of integrity, or no longer shows dedication, foresight and competence which served as the basis for his/her appointment;

4° if he/she suffers from an illness which prevent him/her from discharging his/her duties as certified by an authorized medical committee ;

5° if his/her two terms of office expire;

6° if he/she dies.

The decision to remove the Ombudsman or Deputy Ombudsmen from office due to the reasons provided for in Sub Paragraph 3° of

mandat.

Article 22: Cessation des fonctions de l'Ombudsman ou des Ombudsman Adjoints

La cessation des fonctions de l'Ombudsman ou de l'Ombudsman Adjoint intervient pour l'une des raisons suivantes:

1° s'il démissionne volontairement ou à la suite d'affectation à un autre poste;

2° si son premier mandat expire sans qu'il ne soit renouvelé ;

3° s'il est incapable de remplir ses fonctions ou s'il est clair qu'il n'est plus intègre ou ne fait plus preuve de dévouement, de clairvoyance et de compétence sur base desquelles il a été nommé;

4° s'il souffre d'une maladie l'empêchant de remplir ses fonctions et certifiée par une commission médicale agréée;

5° si ses deux mandats expirent;

6° en cas de décès.

La révocation de l'Ombudsman ou de l'Ombudsman Adjoint pour les raisons visées au point 3° de l'alinéa premier du présent article est

cya mbere cy'iyi ngingo, gifatwa hakurikijwe inzira ikoreshwa mu kubashyiraho.

Kwegura ku murimo k'Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi wungirije bigezwa kuri Perezida wa Repubulika mu nyandiko, Sena ikagenerwa kopi. Iyo Perezida wa Repubulika atagize icyo abivugaho mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30), ukwegura kuba kwemewe.

Kuvanwa ku murimo bishingiye ku gace ka 4° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo bikorwa binyuze mu iteka rya Perezida, bikamenyeshwa Sena.

Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije uvuye ku murimo, ku mpamvu iyo ari yo yose, asimburwa bitarenze mu gihe kitarenze amezi atatu (3) avuyeho. Umusimbuye atangira manda ye.

Paragraph One of this Article shall follow the same procedures of their appointment.

The resignation of the Ombudsman or Deputy Ombudsmen shall be tendered in writing to the President of the Republic, and a copy reserved to the Senate. If the President of the Republic is silent within a period of thirty (30) days, the resignation shall be presumed to have been accepted.

The termination of office for the reasons provided for in Sub Paragraph 4° of Paragraph One of this Article shall be done through a Presidential Order and the Senate shall be informed thereof.

The Ombudsman or Deputy Ombudsmen who leaves office due to any reason shall be replaced in a period not exceeding three (3) months from the time he/ she leaves office. His/her replacement shall serve for a full term.

décidée suivant la même procédure que celle suivie lors de leur nomination.

La démission de l'Ombudsman ou d'un Ombudsman Adjoint est présentée, par écrit, au Président de la République et une copie est réservée au Sénat. Si le Président de la République ne se prononce pas sur cette démission dans un délai de trente (30) jours, la démission est réputée acceptée.

La révocation intervenant pour les raisons visées au point 4° de l'alinéa premier du présent article se fait par arrêté présidentiel et le Sénat en est informé.

L'Ombudsman ou l'Ombudsman Adjoint qui cesse d'exercer ses fonctions, pour quelque raison que ce soit, est remplacé dans un délai n'excédant pas trois (3) mois à dater de la cessation de ses fonctions. Le remplaçant assume un mandat complet.

Ingingo ya 23: Ibyo Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije bagomba kuba bujuje

Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1º kuba ari abanyarwanda;

2º kuba ari inyangamugayo;

3º kuba bazwiho kugira ubushishozi n'ubushobozi bwo kurangiza

Article 23: Requirements for the Ombudsman and Deputy Ombudsman

The Ombudsman and Deputy Ombudsmen shall fulfill the following requirements:

1º to be a Rwandan national;

2º to be a person of integrity;

3º to be known for foresight and competence necessary to discharge their duties.

Article 23: Conditions requises pour être Ombudsman et Ombudsman Adjoints

L'Ombudsman et les Ombudsman Adjoints doivent remplir les conditions suivantes :

1º être de nationalité rwandaise ;

2º être intègre;

3º être connus pour leur clairvoyance et compétence nécessaires à

inshingano zabo.

Ingingo ya 24: Kurahira k'Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi bungirije

Mbere yo gutangira imirimo bashinzwe, Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika, hari Inteko Ishinga Amategeko n'Urukiko rw'Ikirenga indahiro iteganywa mu ngingo ya 61 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu.

Ingingo ya 25: Ibigenerwa Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije

Ibigenerwa Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije bigenwa n'iteka rya Perezida

Akiciro ka 2: Ubunyamabanga Buhoraho

Ingingo ya 26: Ubunyamabanga Buhoraho bw'Urwego

Ubunyamabanga Buhoraho bw'Urwego bugizwe n'Umunyamabanga Uhoraho n'abakozi b'Urwego.

Ingingo ya 27: Ishyirwaho ry'abagize Ubunyamabanga Buhoraho bw'Urwego

Umunyamabanga Uhoraho w'Urwego

l'accomplissement de leurs fonctions.

Article 24: Oath of the Ombudsman and Deputy Ombudsman

Before taking up their office, the Ombudsman and Deputy Ombudsmen shall take the oath of office provided for in Article 61 of the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, before the President of the Republic, in the presence of the Parliament and the Supreme Court.

Article 25: Benefits allocated to the Ombudsman and to Deputy Ombudsman

Benefits allocated to the Ombudsman and Deputy Ombudsmen shall be determined by a Presidential Order.

Sub-Section 2: Permanent Secretariat

Article 26: Permanent Secretariat of the Office

The Permanent Secretariat of the Office shall comprise the Permanent Secretary and staff of the Office.

Article 27: Appointment of members of the Permanent Secretariat

The Permanent Secretary of the Office shall be

Article 24: Prestation de serment de l'Ombudsman et des Ombudsmans Adjoints

Avant d'entrer en fonctions, l'Ombudsman et les Ombudsmans Adjoints prêtent le serment prévu à l'article 61 de la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, devant le Président de la République, en présence du Parlement et de la Cour Suprême.

Article 25: Avantages accordés à l'Ombudsman et aux Ombudsman Adjoints

Les avantages accordés à l'Ombudsman et aux Ombudsmans Adjoints sont déterminés par arrêté présidentiel.

Sous-section 2 : Secrétariat Permanent

Article 26 : Secrétariat Permanent de l'Office

Le Secrétariat Permanent de l'Office est composé par le Secrétaire Permanent et le personnel de l'Office.

Article 27: Nomination des membres du Secrétariat Permanent

Le Secrétaire Permanent de l'Office est nommé

ashyirwaho n'iteka rya Perezida bisabwe n'Urwego.

Urwego rufite ubwigenge mu gushaka no gushyiraho abakozi barwo rubicishije mu ipiganwa. Abakozi b'Urwego bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Imiterere y'inzego z'imirimo y'Urwego igenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Icyiciro cya 2: Imikorere y'Urwego

Akiciro ka mbere: Imikorere y'abagize Inama y'Abavunyi

Ingingo ya 28: Inshingano z'Umuvunyi Mukuru

Umuvunyi Mukuru ashinzwe cyane cyane ibi bikurikira:

1° guhuza no kuyobora imirimo y'Urwego mu buryo inshingano zarwo zose zuzuzwa;

2° guhagararira no kuvugira Urwego mu nzego zose z'Igihugu no mu mahanga;

3° gutumira no kuyobora inama z'Urwego;

appointed by a Presidential Order upon request of the Office.

The Office shall have the autonomy to recruit and appoint its staff members through competition. The staff of the Office shall be governed by the General Statute for Rwanda Public Service.

The organizational structure of the Office shall be determined by a Prime Minister's Order.

Section 2: Functioning of the Office

Sub-Section One: Modalities of performing of the duties by the Ombudsman Council members

Article 28: Responsibilities of the Ombudsman

The Ombudsman shall be responsible particularly for the following:

1° to coordinate and lead the activities of the Office so as to fulfil all its mission;

2° to represent and act as a spokesperson of the Office before all institutions of the country and abroad;

3° to convene and chair the meetings of the Office;

par arrêté présidentiel sur proposition de l'Office.

L'Office jouit de l'autonomie de recrutement par concours et de nomination de son personnel. Le personnel de l'Office est régi par le Statut général de la fonction publique rwandaise.

Le cadre organique de l'Office est déterminé par arrêté du Premier Ministre.

Section 2: Fonctionnement de l'Office

Sous-Section première: Modalités d'exercice des fonctions des membres du Conseil des Ombudsmans

Article 28: Attributions de l'Ombudsman

L'Ombudsman est chargé notamment de :

1° coordonner et diriger les activités de l'Office en vue de l'accomplissement de toutes ses missions;

2° représenter l'Office et lui servir de porte-parole devant les instances tant nationales qu'internationales;

3° convoquer et diriger les réunions de l'Office;

4º gutanga raporo z'Urwego mu nzego ziteganyijwe n'Itegeko Nshinga n'iri tegeko;

5º kumenyesha ibyemezo by'Urwego abo bigenewe;

6º gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe n'Urwego cyangwa bisabwe n'Urwego;

7º gukurikirana no guhuza ibikorwa by'imenyekanishamutungo ry'abavugwa mu gace ka 4º k'ingingo ya 4 y'iri tegeko;

8º kugira inama abanyapolitiki n'abayobozi ku myitwarire ishobora gutesha agaciro imirimo bashinzwe.

4º to submit reports of the Office to the institutions provided for by the Constitution and this Law;

5º to notify to those concerned the decisions taken by the Office;

6º to follow up the implementation of the decisions taken by the Office or upon request by the Office;

7º to follow up and coordinate declaration of assets from persons mentioned in Sub Paragraph 4º of Article 4 of this Law;

8º to advise politicians and leaders on any behavior likely to discredit them in their functions.

4º présenter les rapports de l'Office aux institutions prévues par la Constitution et la présente loi ;

5º communiquer les décisions prises par l'Office aux institutions/personnes concernées;

6º faire le suivi de l'application des décisions prises par l'Office ou sur demande de l'Office;

7º faire le suivi et la coordination des déclarations des biens des personnes visées au point 4º de l'article 4 de la présente loi;

8º conseiller les politiciens et les dirigeants sur tous les comportements susceptibles de ternir l'image des fonctions leur confiées.

Ingingo ya 29: Inshingano z'Abavunyi Bungirije

Abavunyi Bungirije bashinzwe cyane cyane ibi bikurikira:

1º kunganira Umuvunyi Mukuru;

2º gutegura amahugurwa ahabwa abaturage kugira ngo bamenyere kugira uruhare mu miyoborere myiza;

Article 29: Responsibilities of Deputy Ombudsman

Deputy Ombudsmen shall be particularly responsible for:

1º to assist the Ombudsman;

2º to prepare training sessions for the population so that they may develop the culture of participating in good governance;

Article 29: Attributions des Ombudsman Adjoints

Les Ombudsman Adjoints sont chargés notamment de:

1º assister l'Ombudsman;

2º préparer des formations destinées à la population pour l'habituer à jouer un rôle dans la bonne gouvernance;

3º gutegura ibiganiro bihabwa abakozi ba Leta n'ab'ibigo byayo ndetse n'ab'ibigo n'imiryango itari iya Leta, kugira ngo imyitwarire n'imikorere byabo birusheho kugenda neza;

4º gushyiraho uburyo bwo gukumira no kurandura akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo;

5º gusuzuma ibibazo by'akarengane, ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo no kugeza ku Rwego ibikwiriye gukorwa kugira ngo ibyo bibazo bibonerwe ibisubizo bikwiriye;

6º gusimbura Umuvunyi Mukuru igihe adahari hakurikijwe uko bakurikirana mu ishyirwaho ryabo.

3º to prepare seminars for government employees and staff in public and private institutions as well as in non governmental organisations so that they can improve their conduct and working methods;

4º to set up all possible means of preventing and eradicating injustice, corruption and other related offences;

5º to examine petitions related to injustice, corruption and other related offenses and suggest to the Office what can be done so that such petitions receive appropriate solutions;

6º to deputize for the Ombudsman in case of his/her absence in accordance with their order of appointment.

3º préparer des séminaires de formation à l'intention des agents de l'Etat et des établissements publics, ceux des établissements privés et des organisations non gouvernementales en vue d'améliorer leur conduite et leur mode de fonctionnement;

4º mettre en place tous les mécanismes de prévention et d'éradication de l'injustice, de la corruption et des infractions connexes;

5º examiner les cas d'injustice, de corruption et des infractions connexes et en proposer des solutions à l'Office;

6º remplacer l'Ombudsman en cas d'absence et selon l'ordre de nomination.

Inama y'Abavunyi igena inshingano za buri Muvunyi Wungirije, icyemezo kigafatwa mu buryo buteganywa mu ngingo ya 31 y'iri tegeko.

The Ombudsmen Council shall determine the attributions of each Deputy Ombudsmen and the decision shall be taken through procedure provided for in Article 31 of this Law.

Le Conseil des Ombudsmans détermine les attributions de chaque Ombudsman Adjoint et la décision est prise selon la procédure prévue par l'article 31 de la présente loi.

Ingingo ya 30: Ibyemezo bifatwa n'Inama y'Abavunyi

Ibyemezo bifatwa n'abagize Inama y'Abavunyi bateranye, harimo cyane cyane ibi bikurikira:

Article 30: Decisions taken by the Ombudsman Council

Decisions to be taken collectively by all members of the Ombudsman Council at their meetings shall

Article 30: Décisions prises par le Conseil des Ombudsman

Les décisions à prendre, collégialement, par les membres du Conseil des Ombudsmans sont

	particularly be the following:	notamment les suivantes:
1º gutanga raporo ku bibangamiye imiyoborere myiza y'Igihugu;	1º to submit a report on obstacles to good governance in the country;	1º présenter le rapport sur les obstacles à la bonne gouvernance;
2º gutegura, guhindura no kwemeza umushinga w'amategeko ngengamikorere y'Urwego;	2º to prepare, amend and adopt the draft internal rules and regulations of the Office;	2º préparer, modifier et approuver le projet du règlement d'ordre intérieur de l'Office;
3º gutegura no kwemeza gahunda y'ibikorwa y'Urwego;	3º to prepare and adopt the action plan of the Office;	3º préparer et approuver le plan d'action de l'Office;
4º gushyiraho abakozi Urwego rukeneye;	4º to recruit the staff the Office needs;	4º recruter le personnel dont l'Office a besoin;
5º gutegura ingengo y'imari y'Urwego ya buri mwaka, gusuzuma no kwemeza uburyo yakoreshejwe mbere y'uko ishyikirizwa inzego zibigenzura;	5º to prepare the annual budget of the Office, examine and approve the implementation of the budget before it is submitted to institutions entrusted with auditing it;	5º préparer le budget annuel de l'Office, examiner et approuver son utilisation avant de le transmettre aux organes de vérification ;
6º gufata imyanzuro ku bibazo byasuzumwe biri mu nshingano z'Urwego;	6º to take decisions on issues considered that are part of the Office's responsibilities;	6º rendre des décisions sur les questions examinées faisant partie des attributions de l'Office;
7º kwemeza raporo z'Urwego mbere y'uko zohererezwa abo zigenewe.	7º to adopt the Office's reports before they are submitted to concerned authorities.	7º approuver les rapports de l'Office avant leur transmission aux autorités compétentes.
Ingingo ya 31: Uko ibyemezo bifatwa	**Article 31: Modalities for taking of decisions**	**Article 31: Modalités de prise de décisions**
Ibyemezo by'abagize Inama y'Abavunyi bifatwa ku bwumvikane.	Decisions of members of Ombudsmen Council shall be taken by consensus.	Les décisions du Conseil des Ombudsmans sont prises par consensus.

Akiciro ka 2: Imikorere y'Ubunyamabanga Buhoraho

Ingingo ya 32: Inshingano z'Umunyamabanga Uhoraho w'Urwego

Umunyamabanga Uhoraho ashinzwe ibi bikurikira:

1° kuyobora abakozi b'Ubunyamabanga Buhoraho;

2° gucunga ingengo y'imari n'umutungo by'Urwego;

3° gukusanya amategeko n'andi mabwiriza afitanye isano n'inshingano z'Urwego mu mikorere n'imikoranire yarwo ya buri munsi n'izindi nzego;

4° gukusanya no kubika inyandiko zerekeye ibikorwa by'Urwego;

5° gukora ibindi yasabwa n'Inama y'Abavunyi.

Sub-section 2: Functioning of the Permanent Secretariat

Article 32: Responsibilities of the Permanent Secretary of the Office

The Permanent Secretary shall be responsible for the following:

1° to direct the Permanent Secretariat's employees;

2° to manage the Office budget and property;

3° to collect laws and other directives relating to the Office responsibilities in its day to day functioning and relations with other institutions;

4° to collect and file documents that relate to the Office activities;

5° to discharge any other duties as may be assigned by the Ombudsmen Council.

Sous-section 2: Fonctionnement du Secrétariat Permanent

Article 32: Attributions du Sécrétaire Permanent de l'Office

Le Secrétaire Permanent est chargé de:

1° diriger le personnel du Secrétariat Permanent;

2° gérer le budget et le patrimoine de l'Office;

3° collectionner des lois et d'autres règlements en rapport avec les attributions de l'Office quant au fonctionnement quotidien et aux relations de l'Office avec les autres institutions;

4° collectionner et archiver les documents relatifs aux activités de l'Office;

5° accomplir toute autre tâche lui assignée par le Conseil des Ombudsmans.

Akiciro ka 3: Imikoranire n'izindi nzego	**Sub-section 3: Relationship with other institutions**	**Sous-section 3: Relations avec les autres institutions**
Ingingo ya 33: Imikoranire n'izindi nzego	**Article 33: Relationship with other institutions**	**Article 33: Relations avec les autres institutions**
Urwego rukorana n'izindi nzego, ntirwivanga mu mikorere yazo ya buri munsi. Ntirunafata ibyemezo mu mwanya wazo.	The Office shall collaborate with other institutions and not interfere with their day to day functioning. It shall not take decisions in their name.	L'Office collabore avec d'autres institutions et ne s'immisce pas dans la gestion quotidienne de leurs activités. Il ne prend pas de décision à leur place.
Urwego rushyikiriza inzego bireba ibibazo by'akarengane rwagejejweho. Izo nzego zigomba kuruha igisubizo. Iyo igisubizo kitabonetse mu gihe cyagenwe, Urwego rwibutsa inshuro imwe gusa kandi rukerekana ibigomba gukorwa kugira ngo uwarenganye arenganurwe.	The Office shall submit to the relevant institutions petitions of injustice it received. Those institutions shall deliver a response to the Office. When that response is not transmitted in the required time, the Office shall remind the concerned institution once and determines what should be done so that justice is done for those who suffered from injustice.	L'Office soumet aux institutions concernées les plaintes dont il est saisi. Ces institutions sont tenues de lui répondre. Lorsque la réponse n'a pas été transmise dans les délais requis, l'Office rappelle une seule fois et formule des recommandations en vue du rétablissement des victimes dans leurs droits.
Haseguriwe ibiteganywa n'izindi ngingo z'iri tegeko, Urwego ntirushobora kwivanga mu mikurikiranire y'ibyaha cyangwa mu miburanishirize y'imanza zerekeye ibirego byashyikirijwe inzego z'ubutabera uretse ko rushobora gusaba inkiko cyangwa urwego rw'ubushinjacyaha amakuru ku birego rwagejejweho, izo nzego zikaba zigomba guha Urwego igisubizo.	Notwithstanding other provisions of this Law, the Office shall not involve itself in the investigation or trial relating to cases that were referred to the courts of law, but may ask from the courts or Public Prosecution information about the complaints the Office has received and those organs shall be required to respond to it.	Sous réserve des autres dispositions de la présente loi, l'Office ne peut pas s'immiscer dans l'instruction ou le jugement des affaires soumises à la justice mais peut demander aux juridictions ou à l'Organe National de Poursuite de lui donner des informations sur les plaintes dont l'Office est saisi et ces organes sont tenus de lui répondre.
Ingingo ya 34: Imikoranire y'Urwego n'izindi nzego z'ubushinjacyaha	**Article 34: Relationship between the Office and other prosecution organs**	**Article 34: Relations entre l'Office et d'autres organes de poursuite**
Mu mikoranire y'Urwego n'izindi nzego	Concerning the interaction between the Office and	Concernant l'interaction entre l'Office et les

z'Ubushinjacyaha ihame ni uko dosiye z'inshinjabyaha zoherezwa mu Bushinjacyaha Bukuru cyangwa mu Bushinjacyaha bwa Gisirikare.

Icyakora, Urwego rushobora gushinja dosiye iri mu nshingano zarwo kandi rukabimenyesha Ubushinjacyaha Bukuru cyangwa Ubushinjacyaha bwa Gisirikare. Iyo rusanze iyo dosiye ikurikiranwa n'urundi rwego rw'Ubushinjacyaha, Urwego ruyirekera ubwo bushinjacyaha.

Urwego rushobora gusaba ubufatanye n'urundi rwego rw'Ubushinjacyaha mu gukurikirana dosiye. Rushobora kandi kohererezа izo nzego dosiye rwakurikiranaga.

Mu gushinja ibyaha, hakurikizwa amategeko abigenga.

Ingingo ya 35: Gutangaza raporo na gahunda y'ibikorwa by'Urwego

Mu mezi atatu (3) ya mbere ya buri mwaka w'ingengo y'imari, Umuvunyi Mukuru ageza kuri Perezida wa Repubulika no ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe Yombi iteranye, raporo ikubiyemo ibikorwa by'Urwego by'umwaka uheruka na gahunda y'ibikorwa by'umwaka ukurikira.

Kopi y'iyo raporo ihabwa Guverinoma

other prosecution organs the principle is that penal files shall be transferred to the National Public Prosecution Authority or Military Prosecution Department.

However, the Office may prosecute files under its jurisdiction and shall inform the National Public Prosecution Authority or Military Prosecution Department. Where the Office finds that a file is in the hands of another prosecution organ, the Office shall leave that file to that organ.

The Office may seek collaboration with another prosecution organ in the prosecution process. The Office may transfer to another prosecution organ files that were under its prosecution.

While prosecuting, the laws thereof shall apply.

Article 35: Publication of report and action plan

Within the first three months of every fiscal year, the Ombudsman shall submit to the President of the Republic and Parliament, both Chambers, the activity report of the Office for the previous year and the action plan for the following year.

A copy of this report shall be submitted to the

autres organes de poursuite, le principe en est que les dossiers à caractère pénal sont transférés à l'Organe National de Poursuite Judiciaire ou à l'Auditorat Militaire.

Toutefois, l'Office peut engager des poursuites pour les dossiers relevant de sa compétence et en informe l'Organe National de Poursuite Judiciaire ou l'Auditorat Militaire. Lorsque l'Office constate que le dossier est poursuivi par un autre organe de poursuite, il laisse ce dossier à cet organe.

L'Office peut demander la collaboration d'un autre organe de poursuite dans le processus de poursuite. L'Office peut transférer des dossiers qui étaient sous sa poursuite à un autre organe de poursuite.

Lors des poursuites, il est fait application des lois en la matière.

Article 35: Publication du rapport et du plan d'action

Au cours des trois premiers mois de chaque année budgétaire, l'Ombudsman présente au Président de la République et au Parlement, les deux Chambres réunies, le rapport d'activités de l'Office de l'année précédente et le plan d'action pour l'année suivante.

Une copie de ce rapport est transmise au

n'Urukiko rw'Ikirenga. Abandi bireba bahabwa kopi y'igice cya raporo kiberekeye. Raporo zihariye zihabwa izindi nzego bireba.

Cabinet and Supreme Court. Other concerned authorities shall receive a copy of a part of the report concerning them. Specific reports shall be submitted to those concerned instituttions.

Gouvernement et à la Cour Suprême. Les autres concernés reçoivent une partie de la copie qui les concerne. Les rapports particuliers sont adressés aux autres instances concernées.

Urwego rugomba gutangariza abaturage raporo. Urwego rutanga izindi raporo igihe cyose bibaye ngombwa.

The Office shall publish the report to the public. The Office shall submit other reports whenever necessary.

L'Office doit publier ce rapport à l'intention de la population. L'Office transmet d'autres rapports chaque fois que de besoin.

Abashyikirijwe raporo bagira icyo bayikoraho mu gihe kitarenze amezi atandatu (6).

All those whose report is submitted to shall be expected to act on within six (6) months.

Les destinataires du rapport en émettent des avis endéans six (6) mois.

Ingingo ya 36: Ibigaragazwa na raporo

Article 36: Content of the report

Article 36: Contenu du rapport

Raporo y'Urwego igaragaza intambwe yatewe mu bikorwa biri mu nshingano zarwo.

The report of the Office shall indicate the progress made in activities falling under its mission.

Le rapport de l'Office doit indiquer le progrès réalisé eu égard aux activités rentrant dans ses missions.

Mu byo raporo igomba kugaragaza harimo ibyakozwe, ibitaragenze neza, inama Urwego rwagiriye inzego zibivugwaho n'ingamba zafatwa kugira ngo bikosorwe.

The report shall contain among others achievements, shortfalls, advice and recommendations the Office made to the concerned institutions as well as measures to be taken for remedy.

Le rapport contient entre autres les réalisations, les défaillances, les avis et recommandations émis par l'Office à l'égard des instances mises en cause ansi que les mesures à prendre pour y remédier.

Mu gihe raporo zivuga ibitaragenze neza bivugwa mu gika cya kabiri (2) cy'iyi ngingo, bitangirwa ibisobanuro byabyo.

Where reports indicate shortfalls referred to in Paragraph 2 of this Article, explanations thereof shall be provided.

Lorsque les rapports font état de défaillances visées à l'alinéa 2 du présent article, des explications doivent être fournies.

UMUTWE WA V: IMENYEKANISHAMUTUNGO N'UKO RIKORWA

Ingingo ya 37: Igihe inyandiko igaragaza imitungo itangirwa

Umukozi wa Leta wese utegetswe kumenyekanisha umutungo we amenyesha Urwego umutungo afite mu gihugu no mu mahanga.

Inyandiko igaragaza umutungo ishyikirizwa Urwego bitarenze tariki ya 30 Kamena ya buri mwaka ku bantu basanzwe mu kazi no mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ku bantu bavuye mu mirimo yabo.

Ku bakozi bagitangira imirimo, inyandiko ya mbere igaragaza imitungo yabo ishyikirizwa Urwego mu gihe cy'ukwezi kumwe (1) batangiye imirimo.

Inyandiko igaragaza imitungo y'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi Bungirije n'iy'abandi bakozi b'Urwego bagomba kugaragaza imitungo yabo ishyikirizwa Biro y'Umutwe wa Sena, mu bihe biteganywa ku bandi bagomba kugaragaza imitungo yabo.

CHAPITER V: DECLARING PROPERTY AND PROCEDURE TO BE FOLLOWED

Article 37: Period of declaring property

Every public civil servant under obligation of property declaration shall declare to the Office his/her property within the Country and abroad.

A declaration form indicating property shall be submitted to the Office not later than 30 June each year for those who are already in service and within a period not exceeding fifteen (15) days from the date they left office for those who are no longer in public service.

New public officials taking up duties shall declare their properties to the Office within a period of one (1) month from the date of taking office.

Declarations indicating the properties of the Ombudsman, Deputy Ombudsmen and staff members of the Office, who are required to declare their properties, shall be submitted to the Bureau of Senate in a period provided for to others who must declare their assets.

CHAPITRE V: DECLARATION DU PATRIMOINE ET PROCEDURE

Article 37: Période de déclaration du patrimoine

Tout agent de l'Etat soumis à l'obligation de déclaration du patrimoine déclare à l'Office son patrimoine se trouvant à l'intérieur et à l'extérieur du pays.

Le formulaire de déclaration du patrimoine est transmis à l'Office au plus tard le 30 juin de chaque année pour les personnes en fonction et endéans quinze (15) jours à partir du moment où elles quittent leurs fonctions.

Pour les nouveaux agents publics entrant en fonction, le premier formulaire de déclaration de leurs patrimoines est transmis à l'Office endéans un mois à compter de la date d'entrée en fonctions.

Les déclarations des patrimoines de l'Ombudsman, des Ombudsmans Adjoints et celles des autres agents de l'Office qui sont tenus de déclarer leurs patrimoines sont adressées au Bureau du Sénat dans les mêmes délais que ceux prévus pour les autres personnes qui doivent faire les déclarations de leurs patrimoines.

Ingingo ya 38: Ibigomba kugaragazwa n'inyandiko z'imenyekanishamutungo

Mu byo imenyekanishamutungo rigomba kugaragaza harimo inkomoko y'umutungo, igihe ukora imenyekanishamutungo yawuboneye, agaciro kawo kuri icyo gihe, umutungo w'uwashakanye n'ugaragaza umutungo mu gihe basezeranye ivangamutungo, uw'abana be batarageza ku myaka cumi n'umunani (18), impano bene imitungo batanze n'ibindi.

Article 38: Content of declarations of property

The declaration shall indicate the source of the declared property, the date of acquisition, its value at that time, assets of his/her spouse if married under community of property, property of his/her children below eighteen (18) years of age, donations made from his/her own patrimony and others.

Article 38: Contenu des déclarations du patrimoine

Les déclarations doivent indiquer notamment la source du patrimoine, la date de son acquisition, la valeur au moment d'acquisition, le patrimoine du conjoint de la personne qui fait la déclaration lorsqu'ils sont mariés sous le régime de la communauté des biens, celui de ses enfants âgés de moins de dix huit (18) ans et les dons octroyés par les propriétaires des biens et toute autre déclaration.

Ingingo ya 39: Ibikwa ry'inyandiko z'imenyekanishamutungo

Inyandiko zigaragaza imitungo zibikwa mu ibanga ku buryo ibikubiyemo bimenywa gusa na bene zo n'abashinzwe kuzakira.

Iyo bibaye ngombwa, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga cyangwa Umushinjacyaha Mukuru, babisabye mu nyandiko Umuvunyi Mukuru cyangwa Biro y'Umutwe wa Sena, bashobora kwerekwa inyandiko igaragaza umutungo w'ukurikiranwaho icyaha kugira ngo hakorwe ipererezа. Icyakora, iyo ari Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga cyangwa Umushinjacyaha Muku bireba, inyandiko zisabwa n'ababungirije.

Article 39: Filing of declarations of property

The declarations of property shall be kept confidential and the information contained in the declaration shall only be known to the filer and their relevant custodians.

Where necessary, the President of the Supreme Court or the Prosecutor General, after making an official request to the Ombudsman or the Bureau of Senate, may be allowed to access the declaration information of the person suspected to have committed an offence, for the investigations purposes. However, if the concerned person is the President of the Supreme Court or the Prosecutor General, the request shall be made by their deputies.

Article 39: Classement des déclarations du patrimoine

Les déclarations du patrimoine sont classées comme dossiers confidentiels, dont la teneur n'est connue que de leurs auteurs et de leurs dépositaires.

En cas de besoin, le Président de la Cour Suprême ou le Procureur Général peut, à la demande écrite y relative adressée à l'Ombudsman ou au Bureau du Sénat, être autorisé à consulter les déclarations du patrimoine d'une personne poursuivie pour infraction aux fins de l'investigation. Toutefois, si la demande concerne le Président de la Cour Suprême ou le Procureur Général, elle est faite par leurs adjoints.

Ingingo ya 40: Amakosa akorwa mu imenyekanishamutungo n'ibihano byo mu rwego rw'akazi

Muri iri tegeko, amakosa akorwa mu imenyekanishamutungo ni aya akurikira:

1° kudatanga imenyekanishamutungo;

2° gutanga imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo atabigambiriye.

Urwego rusaba umuntu wese usabwa kumenyekanisha umutungo gusubiramo imenyekanishamutungo iyo akoze aya makosa ku nshuro ya mbere.

Urwego rusaba umukoresha gutanga ibihano ku mukozi wakoze amakosa y'imenyekanishamutungo mu buryo bukurikira:

1º inshuro ya kabiri: kugawa;

2º inshuro ya gatatu: gukatwa kimwe cya kane cy'umushahara;

3º inshuro ya kane: kwirukanwa ku kazi.

Iyo imenyekanishamutungo ritemewe ku nshuro ya kabiri (2) kandi ku mpamvu nyir'ubwite yasobanuriwe mu nyandiko, Urwego rutangira ipererezа.

Article 40: Faults relating to declaration of property and administrative sanctions

According to this Law, faults relating to declaration of property shall include:

1° failure to submit declarations;

2° partial declaration or unintentional false declaration.

The Office shall request the person required to declare his/her property to make another declaration once the fault is committed for the first time.

The Office shall request the employer to impose administrative sanctions to the person who committed faults relating to the declaration of property in the following manner:

1º second time: blaming;

2º third time: retention of a quarter of the salary;

3º fourth time: expulsion.

When the declaration of property is rejected for the second time for reasons notified to the concerned person in writing, the Office shall commence investigations.

Article 40: Fautes relatives à la déclaration du patrimoine et sanctions administratives

Aux termes de la présente loi, les fautes relatives à la déclaration du patrimoine sont:

1° le défaut de déclaration ;

2° la fausse déclaration ou la déclaration incomplète faite sans mauvaise foi.

L'Office demande à la personne qui doit faire la déclaration du patrimoine de refaire sa déclaration lorsqu'elle a commis ces fautes pour la première fois.

L'Office demande à l'employeur d'imposer à l'employé qui a commis des fautes relatives à la déclaration du patrimoine les sanctions administratives de la manière suivante:

1° deuxième fois: le blâme ;

2° troisième fois: la retenue du quart de salaire;

3° quatrième fois: la révocation.

En cas de désapprobation pour la deuxième fois de la déclaration du patrimoine et pour des raisons notifiées par écrit à la personne concernée, l'Office procède aux enquêtes.

Iyo ipererezа rigaragaramo ko imenyekanishamutungo rinyuranyije n'ukuri uwabikoze yabigambiriye, ahanishwa igihano cyo guhagarikwa ku kazi by'agateganyo, yakongera gukora iryo kosa akirukanwa burundu.

In the event the investigations show that the property declaration is intentionally false, the concerned person shall be liable to temporary suspension, and, in case of recidivism, to expulsion.

Lorsque les enquêtes prouvent que la déclaration du patrimoine est intentionellement fausse, le déclarant est puni de la sanction de suspension temporaire et, en cas de récidive, il est révoqué de ses fonctions.

Iyo amakosa avugwa muri iyi ngingo yakozwe n'umuyobozi ugengwa n'itegeko ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000).

Where faults referred to in this Article have been committed by the Authority governed by the Organic Law determining the leadership code of conduct, such an authority shall be liable to an administrative fine of five hundred thousand (500,000) to one million (1,000,000) Rwandan Francs.

Lorsque les fautes visées au présent article sont commises par une autorité régie par la loi organique portant code de conduite des autorités des institutions publiques, cette autorité est passible d'une amende administrative de cinq cent mille (500.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Iyo habayeho kongera gukora iryo kosa, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni (1.000.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000).

In case of recidivism, he/she shall be liable to an administrative fine of one million (1,000,000) to two million (2,000,000) Rwandan Francs.

En cas de récidive, elle est passible d'une amende administrative d'un million (1.000.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais.

Ibihano bivugwa mu gika cya 6 n'icya 7 by'iyi ngingo bitangwa n'Urwego, amafaranga y'ihazabu agashyirwa mu isanduku ya Leta.

Sanctions referred to in Paragraphs 6 and 7 of this Article shall be given by the Office and the amount of the fine shall be deposited in the Public Treasury.

Les sanctions visées aux alinéas 6 et 7 du présent article sont données par l'Office et le montant de l'amende est versé au trésor public.

UMUTWE WA VI: UMUTUNGO N'IMARI BY'URWEGO

CHAPTER VI: PROPERTY AND FINANCES OF THE OFFICE

CHAPITRE VI: PATRIMOINE ET FINANCES DE L'OFFICE

Ingingo ya 41: Inkomoko y'umutungo n'imari by'Urwego

Article 41: Sources of the property and finances of the Office

Article 41: Sources du patrimoine et des finances de l'Office

Umutungo n'imari by'Urwego bikomoka ku ngengo y'imari ya Leta, inkunga, impano

The property and finances of the Office come from the State's budget, subsidies, donations and

Le patrimoine et les finances de l'Office proviennent du budget de l'Etat, des subsides,

n'irage.

Ingingo ya 42: Imikoreshereze, imicungire n'igenzura by'umutungo n'imari

Umutungo n'imari by'Urwego bikoreshwa, bicungwa kandi bikagenzurwa nk'uko amategeko abiteganya.

UMUTWE WA VII: INAMA NGISHWANAMA YO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE

Ingingo ya 43: Ishyirwaho, imiterere n'imikorere by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane

Hashyizweho Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane.

Inshingano, imiterere n'imikorere byayo bigenwa n'Iteka rya Perezida.

UMUTWE WA VIII: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 44: Gutanga ibisubizo ku bibazo by'akarengane

Urwego rumenyesha abarugejejeho ibibazo, mu gihe kitarenze amezi atatu (3), ibisubizo

bequests.

Article 42: Use, management and audit of property and finances

The property and finances of the Office shall be used, managed and audited as provided for by the relevant laws.

CHAPTER VII: NATIONAL ADVISORY COUNCIL FOR THE FIGHT AGAINST CORRUPTION AND INJUSTICE

Article 43: Establishment, organisation and functioning of the National Advisory Council for the fight against corruption and injustice

There is hereby established the National Advisory Council for the fight against corruption and injustice.

Its responsabilities, organisation and functioning shall be determined by a Presidential Order.

CHAPTER VIII: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

Article 44:Taking decision on petitions of injustice

The Office shall inform the complainants of the decisions taken within three (3) months.

des dons et legs.

Article 42: Utilisation, gestion et audit du patrimoine et des finances

Le patrimoine et les finances de l'Office sont utilisés, gérés et audités conformément aux dispositions légales en la matière.

CHAPITRE VII: CONSEIL CONSULTATIF NATIONAL DE LUTTE CONTRE LA CORRUPTION ET L'INJUSTICE

Article 43: Création, organisation et fonctionnement du Conseil Consultatif National de lutte contre la corruption et l'injustice

Il est créé un Conseil Consultatif National de Lutte contre la corruption et l'injustice.

Ses attributions, son organisation et son fonctionnement sont déterminés par arrêté présidentiel.

CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Article 44: Réponses aux plaintes relatives à l'injustice

L'Office informe les plaignants des décisions prises dans un délai n'excédant pas trois (3) mois.

bagenewe. Iyo bidashobotse ko bahabwa ibisubizo, bamenyeshwa impamvu mu buryo bw'inyandiko.

Otherwise, they shall be given reasons in writing.

A défaut, les raisons doivent leur être communiquées par écrit.

Ingingo ya 45: Ibirego ku byemezo byafashwe n'Urwego rw'Umuvunyi

Ibirego ku byemezo byafashwe n'Urwego byerekeranye no kurangiza imanza, gufata no gufunga kimwe n'ibindi byemezo biri mu bubasha bwarwo binyuranyije n'amategeko, bitangwa kandi bikanasuzumwa mu buryo buteganyijwe n'amategeko abigenga.

Article 45: Appeals against decisions made by the Office

Appeals against decisions made by the Office relating to enforcement of judgements, arrest, imprisonment and other decisions within its responsibilities contrary to laws are lodged and examined in accordance with the provisions of the relevant laws.

Article 45: Recours sur les décisions prises par l'Office

Les recours sur les décisions de l'Office en rapport avec l'exécution des jugements, l'arrestation, l'emprisonnement et d'autres décisions relevant de sa compétence contraires aux lois sont présentés et examinés conformément aux dispositions légales en la matière.

Ingingo ya 46: Gukurikirana Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije

Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije ntibashobora kuregwa mu nkiko kubera ibyo batangaje bakurikije inshingano zabo.

Mu manza z'inshinjabyaha bakurikiranwa ku giti cyabo. Ntibashobora gufungwa by'agateganyo keretse iyo bafatiwe mu cyuho bakora icyaha cy'ubugome.

Article 46: Prosecution of the Ombudsman and Deputy Ombudsmen

The Ombudsman and Deputy Ombudsmen can not be brought before courts because of what they reveal in fulfilling their responsabilities.

In criminal procedures, they shall be individually prosecuted. They shall not be in provisional detention unless they are caught red-handed in the act of committing a felony.

Article 46: Poursuite de l'Ombudsman et des Ombudsmans Adjoints

L'Ombudsman et les Ombudsmans Adjoints ne peuvent pas être traduits en justice pour les publications faites en rapport avec leurs attributions.

En matière pénale, ils sont personnellement poursuivis. Ils ne peuvent pas être détenus provisoirement sauf en cas de flagrant délit de crime.

Ingingo ya 47: Ibishyirwaho n'Iteka rya Perezida

Amategeko ngengamikorere y'Urwego, uburyo imenyekanishamutungo rikorwa, uko Urwego rukurikirana ibibazo by'akarengane, ruswa

Article 47: Provisions established by a Presidential Order

The internal rules and regulations of the Office, the procedure of how the declaration of assets is carried out, how the Office conducts

Article 47: Dispositions établies par arrêté présidentiel

Le règlement d'ordre intérieur de l'Office, la procédure de déclaration du patrimoine, la procédure de l'Office dans l'examen des cas

n'ibyaha bifitanye isano na yo biteganywa n'iteka rya Perezida.

investigations on complaints of injustice, corruption and other related offences shall be determined by a Presidential Order.

d'injustice, de corruption et des infractions connexes sont déterminés par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 48: Manda y'Umuvunyi n'Abavunyi bungirije bari mu mirimo

Article 48: Term of office for incumbent Ombudsman and Deputy Ombudsman

Article 48: Mandat de l'Ombudsman et des Ombudsman Adjoints en exercice

Igihe cya manda kivugwa mu ngingo ya 21 y'iri tegeko gitangira kubarwa guhera igihe buri wese yatangiriye imirimo, ku Muvunyi n'Abavunyi bungirije bari mu mirimo.

The term of office referred to in Article 21 of this Law shall commence at the date of taking office, for incumbent Ombudsman and Deputy Ombudsman.

Le mandat visé à l'article 21 de la présente loi commence à partir de la date de l'entrée en fonctions, pour l'Ombudsman et les Ombudsmans Adjoints en exercice.

Ingingo ya 49: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Article 49: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 49: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 50: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 50: Repealing provision

Article 50: Disposition abrogatoire

Itegeko n° 25/2003 ryo ku wa 15/08/2003 rigena imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo bivanyweho.

The Law n° 25/2003 of 15/08/2003 establishing the organization and the functioning of the Office of the Ombudsman as modified and complemented to date and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

La Loi n°25/2003 du 15/08/2003 portant organisation et fonctionnement de l'Office de l'Ombudsman telle que modifiée et complétée à ce jour ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 51: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 51: Commencement

Article 51: Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **11/09/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. HABUMUREMI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **11/09/2013**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. HABUMUREYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/ Attorney General

Kigali, le **11/09/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

UMUGEREKA W'ITEGEKO N° 76/2013 RYO KUWA 11/09/2013 RIGENA INSHINGANO, UBUBASHA, IMITERERE N'IMIKORERE BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

Abayobozi n'abakozi bagaragariza umutungo wabo Urwego rw'Umuvunyi ni aba bakurikira:

1º abayobozi bagengwa n'itegeko ngenga no 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta;

2º ba Ofisiye bakuru mu Ngabo z'u Rwanda no muri Polisi y'u Rwanda, abacamanza, abashinjacyaha n'abagenzacyaha batabarirwa mu bayobozi bavuzwe mu gace ka 1o;

3º abakozi bari ku myanya ikurikira:

a) abakozi bari ku mwanya w'ubuyobozi (Directeurs et Chefs de services : Directors and Heads of services) mu nzego za Leta, iz'ibigo byayo, ibigo Leta ifitemo imigabane n'imishinga ya Leta;

b) Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge ;

ANNEX TO LAW N° 76/2013 OF 11/09/2013 ESTABLISHING THE MISSION, POWERS, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE OFFICE OF THE OMBUDSMAN

Authorities and officials who shall declare their properties to the Office of the Ombudsman shall be the following:

1º Authorities governed by the Organic Law no 61/2008 of 10/09/2008 determining the leadership code of conduct;

2º Senior Officers in the Rwanda Defense Forces and the Rwanda National Police, Judges, Prosecutors and Judicial Police Officers not included among officials mentioned in Sub Paragraph 1o;

3º the following officials:

a) officials occupying positions of leadership (Directors and Heads of Services) in public institutions, parastatals, institutions in which the government holds shares, and State-owned projects;

b) Sectors' Executive Secretaries;

ANNEXE A LA LOI N° 76/2013 DU 11/09/2013 PORTANT MISSIONS, COMPETENCE, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE DE L'OMBUDSMAN

Les autorités et les fonctionnaires tenus à déclarer leurs patrimoines à l'Office de l'Ombudsman sont les suivants:

1º autorités régies par la Loi Organique nº 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques;

2º Officiers supérieurs des Forces Rwandaises de Défence et de la Police Nationale du Rwanda, les Juges, les Officiers de poursuite judiciaire et les Officiers de Police Judiciaire non compris parmi les autorités mentionnées au point 1o ;

3º les fonctionnaires suivants:

a) les fonctionnaires qui occupent les postes de direction (Directeurs et Chefs de Services) dans les institutions publiques, les établissements publics, les établissements dont l'Etat est actionnaire et les projets de l'Etat;

b) les Secrétaires Exécutifs des Secteurs ;

c) abakira, abacunga n'abagenzura imari n'umutungo wa Leta;

d) abakozi bari mu tunama dutanga amasoko mu nzego za Leta, mu bigo byayo, mu bigo Leta ifitemo imigabane no mu mishinga ya Leta;

e) abashinzwe imisoro n'amahoro;

f) abashinzwe imicungire y'ubutaka;

g) abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bakora mu mashami yarwo ashinzwe kurwanya ruswa, kurwanya akarengane, kugenzura imyitwarire y'abayobozi no kugenzura imitungo ;

h) Abayobozi b'ibigo by'amashuri yisumbuye ya Leta n'abacunga imari n'umutungo muri ibyo bigo ;

i) ba Noteri ba Leta ;

j) abandi bakozi bagenwa n'urwego bakoreramo.

c) officals in charge of receiving, managing and controlling public finance and property;

d) members of tender committees in public institutions, parastatals, institutions in which the government holds shares and State-owned projects;

e) officials in charge of taxes and revenues;

f) officials in charge of land management;

g) officials of the Office of the Ombudsman working in departments in charge of fighting against corruption and injustice, monitoring the leaders code of conduct and controlling assets;

h) Principals of public secondary schools as well as accountants and managers in those schools;

i) Public notaries;

j) other officials determined by the institution where they serve.

c) les receveurs, gestionnaires et contrôleurs des finances et patrimoines de l'Etat;

d) les agents membres des comités de passassion des marchés dans les institutions publiques, les établissements publics, les établissements dont l'Etat est actionnaire et les projets de l'Etat;

e) les agents chargés des taxes et impôts;

f) les agents chargés de la gestion foncière;

g) les agents de l'Office de l'Ombudsman travaillant dans les départements chargés de lutter contre la corruption et l'injustice, de faire le suivi de la conduite des autorités et de contrôler des biens et patrimoine ;

h) les directeurs des écoles secondaires publiques ainsi que les comptables et les gérants de ces écoles ;

i) les notaires de l'Etat ;

j) les autres fonctionnaires déterminés par l'institution dans laquelle ils travaillent.

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Itegeko n° 76/2013 ryo kuwa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi

Kigali, kuwa **11/09/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

Seen to be annexed to Law n° 76/2013 of 11/9/2013 determining the mission, powers, organization and functioning of the Office of the Ombudsman

Kigali, on **11/09/2013**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/ Attorney General

Vu pour être annexeé à la Loi n° 76/2013 du 11/9/2013 déterminant les missions, compétence, organisation et fonctionnement de l'Office de l'Ombudsman

Kigali, le **11/09/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux